

KINYAMATEKA

Kamena-Kanama 2026 -Umwaka wa 92 Numero 1959 - Ifatabuguzi ry'Umwaka ni 7000 Frw // **Tel: 0781157393** **E-mail: ikinyamateka@gmail.com**



Arikidiyosezi ya Kigali yahimbaje Yubile mu rwego rw'ubusaserdoti **P.8**



"Birababaje kubona umwana uri muni y'inyaka 18 ari mu Igorore-ro azira gufata ku ngufu" **P.5**



Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro yahawe Umunyamabanga mukuru mushya **P.4**



Padiri Fidele MUTABAZI yatorewe kuba umuyobozi wa SIGNIS AFRICA **P.3**



Myr Jean Marie Vianney NSENGUMUREMYI wari Igisonga cy'Umwepiskopi wa Nyundo yitabye Imana

Marie Jeanne UMUTONI

Inkuru y'akababaro y'urupfu rwa Musenyeri Jean Marie Vianney Nsengumuremyi, wari Igisonga cy'Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo, yamenyekanye ku cyumweru tariki ya 30 Kanama 2026, ari nawo muni yitabye Imana.

Urupfu rwe rwabaye rutunguranye, nyuma y'uko yafashwe n'uburwayi, akajyanwa kwa muganga, ngo akurikiranwe bikarangira abaganga batabashije kurokora ubuzima bwe nk'uko byatan-

gajwe na Padiri Musonera Théogène, Umunyamabanga wa Diyosezi ya Nyundo akaba n'Umunyamabanga wihariye w'Umwepiskopi, mu kiganiro yagiranye na Kinyamateka.

Yagize ati "Musenyeri Jean Marie Vianney yari umusaza ugira indwara zisanzwe akivuzwa akongera agakira, ariko indwara yari izwi cyane yagiraga ni hypertension, ibyatuma aya kwa muganga ku Bitaro byitiriwe Umwami Faisal, ku buryo yari afite gahunda yo kugaruka i Kigali kugira ngo arebe uko bimeze." **Komereza kuri Paji 11**

Kiliziya Gatolika mu Rwanda yakiriye ihuriro rya SIGNIS ku isi



Padiri Fidele MUTABAZI

Tariki 3-8 Kanama 2026, i Kigali hatariye ihuriro ryo ku rwego rw'isi rya SIGNIS, Umuryango uhuza abakora mu Itangazamakuru n'Itumanaho rya Kiliziya.

Iri huriro ryitabiriwe n'abagera kuri 278 baturutse mu bihugu 42 byo ku migabane yose y'isi.

Umuhango wo gutangiza ku mugaragaro iri huriro witabiriwe n'abayobozi batandukanye barimo abari baje mu

ihuriro baturutse i Roma n'abayobozi ku nzego za Kiliziya na Leta y'u Rwanda.

Nyiricyubahiro Antoni Karidinali Kambanda atangiza iri huriro yagaragaje ishema Kiliziya mu Rwanda itewe no kuryakira ashimira ubuyobozi bwa

SIGNIS bwahisemo kuza muri Afurika bwa mbere bugahitamo u Rwanda. Yibukije ko Itangazamakuru n'Itumanaho bifite uruhare rukomeye mu iyogezabutumwa rya Kiliziya muri iki gihe asaba ko ryarushaho guhabwa imbaraga.

Iri huriro rya SIGNIS ryaranzwe n'ibiganiriro bitandukanye byatanze n'inariyibonye mu itumanaho n'itangazamakuru rya Kiliziya.

Abitabiriye ihuriro rya SIGNIS bagize n'umwanya wo gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali aho bunamye abazize Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994. Bagize kandi n'umwanya wo gukora urugendo nyobokamana i Kibeho ndetse no gusura uduce dutandukanye tw'umujyi wa Kigali.

Muri iri huriro, ryabereye i Kigali habaye kandi amatara ya komite nyobozi nshya za Signis ku rwego rw'isi no ku rwego rwa Afurika. Aho ku rwego rw'isi hatowe Padiri Walter Ihejirika, wo muri Nijeriya na ho ku rwego rwa Afurika hatowe Padiri Fidele Mutabazi wo mu Rwanda.

Umuryango SIGNIS uhuza abakora mu Itangazamakuru rya Kiliziya washinzwe mu mwaka wa 2001. Ukaba ufite ibiro bikuru i Roma

Icyo wamenya ku Ishuri Rikuru ry'Ubuzima ryashinzwe na Arkidiyosezi ya Kigali rikomeje gufasha u Rwanda kongera abaforomo n'ababyaza



Isaac NTIMBAKURE

Mu gihe u Rwanda rukomeje gukora ibishoboka byose ngo serivisi z'ubuzima zigere kuri buri muturage kandi zitangwe ku rwego rwiza, ikibazo cy'ubuke bw'abakozi b'ubuzima kiracyari imwe mu mbogamizi zikomeye zikigaragara mu nzego zimwe na zimwe z'ubuvuzi.

Ni muri urwo rwego amashuri yigisha ibijyanye n'ubuzima akomeje kugira uruhare rukomeye mu kongera umubare w'abakozi b'ubuzima. Muri ayo mashuri harimo Ishuri Rikuru ry'Ubuzima rya Ruli (Ruli Higher Institute of Health - RHIH), rikomeje gutanga umusanzu ugaragara mu gutegura abaforomo n'ababyaza bashoboye bazafasha igihugu kugera ku ntego zacyo mu rwego rw'ubuzima.

Ku wa 18 Kamena 2026, RHIH yatanze impamyabumenyi ku nshuro yaryo ya cyenda ku banyeshuri 239 barangije amasomo yabo mu mashuri y'Ubuforomo (General Nursing) n'Ububuyaza (Midwifery), mu muhango wabereye muri Saint Paul Learning Centre i Kigali.

Aba banyeshuri biyongereye ku bandi banyamwuga b'ubuzima igihugu gikomeje gutegura mu rwego rwo kugabanya icyuho cy'abakozi b'ubuzima kiki-garagara hirya no hino mu Rwanda.

Ishuri Rikuru ry'Ubuzima rya Ruli (RHIH Sainte Rose de Lima) ni ishuri rikuru ryigenga ryashinzwe na Arkidiyosezi Gatolika ya Kigali. Rifite icyicaro gikuru mu Murenge wa Ruli, Akarere ka Gakenke, rikagira n'ishami rya Saint Paul Learning Centre rihereye mu Mujyi wa Kigali.

Ryatangiye mu mwaka wa 2001 ari ishuri ryisumbuye ryitwaga ESSA Sainte Rose de Lima mbere yo kuzamurwa rikaba ishuri rikuru mu mwaka wa 2013.

Kugeza ubu ritanga amasomo mu mashuri y'Ubuforomo n'Ububuyaza ku rwego rw'ikigiro cya mbere cya kaminuza (Advanced Diploma) n'icya kabiri cya Kaminuza (Bachelor's Degree).

Padiri Dr. Innocent Dushimiyimana, Umuyobozi Wungirije wa RHIH,

yavuze ko ishuri rifite abanyeshuri 1,052 bigira ku ishami rya Kigali, mu gihe abanyeshuri 950 biga ku cyicaro gikuru cya Ruli.

Yagaragaje ko intego y'ishuri atari ugutanga impamyabumenyi gusa, ahubwo ari ugutegura abanyamwuga bafite ubumenyi buhamye, ubushobozi bwo gukora ubushakashatsi ndetse n'indagagaciro zikwiye kuranga umukozi wo mu rwego rw'ubuzima.

Ati *"Ishuri ryacu rishyira imbere uburezi bufite ireme no gutegura abanyeshuri kuba abanyamwuga binyuze mu kubashishikariza gukora ubushakashatsi no kugira ubumenyi bwimbitse ku buzima bw'umuntu."*

Yakomeje avuga ko iri shuri rinibanda ku burere mboneragaciro bushingiye ku mahame ya gikristu.

Ati *"Tubatoza indagagaciro za gikristu kuko dushaka kurera abantu bashoboye kandi bashobotse, bafite ubushobozi mu mwuga no mu mibereho."*

Mu banyeshuri 239 bahawe impamyabumenyi muri uyu mwaka wa 2026, harimo abaforomo 167 n'ababyaza 18 barangije icyiciro cya mbere cya kaminuza Advanced Diploma, ndetse n'abaforomo 7 n'ababyaza 47 barangije icyiciro cya Bachelor's Degree.

By'umwihariko, aba ni bo banyeshuri ba mbere bahawe impamyabumenyi y'ikigiro cya kabiri cya kaminuza (Bachelor's Degree) muri iri shami rya Saint Paul Learning Centre i Kigali.

Uyu mubare uje wiyongera ku mbaraga igihugu gikomeje gushyira mu bikorwa gahunda ya 4x4 yatangiye na Minisiteri y'Ubuzima mu mwaka wa 2023.

Iyi gahunda igamije kongera cyane umubare w'abakozi b'ubuzima mu gihe cy'imyaka ine kugira ngo ikibazo cy'ubuke bwabo kigabanuke ku rwego rw'igihugu.

Leta yishimira uruhare rw'iri Shuri Rikuru ry'Ubuzima rya Ruli Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubuzima, Jean Marie Vianney Ndayizeye, yashimye uruhare RHIH ikomeje kugira mu kongera umubare w'abakozi b'ubuzima.

Yavuze ko abanyeshuri 239 ba-

rangije uyu mwaka bagiye kwiyongera ku mbaraga igihugu gisanzwe gifite mu rwego rwo kunoza serivisi z'ubuzima.

Ati *"Twe nka Minisiteri y'Ubuzima twishimiye cyane iyi ntambwe ikomeye mwatye yo kuza kwiyunga natwe mu mwuga wo kuvura no kwita ku Banyarwanda."*

Yagaragaje ko kuba umubare w'abakozi b'ubuzima ukomeje kwiyongera ari intambwe ikomeye mu gukumura ikibazo igihugu cyari gifite cy'ubuke bw'abaganga, abaforomo n'ababyaza.

Mu rwego rwo kongera umubare w'abakozi b'ubuzima, gahunda ya 4x4 yatangiye mu mwaka wa 2023 ikomeje gutanga umusaruro. Abakozi b'ubuzima bari 1,604 mbere y'itangizwa ry'iyi gahunda. Mu mwaka wa mbere bahise bagera ku 4,000, mu mwaka wa 2024 bagera ku 5,937.

Ibi byose bigaragaza ko u Rwanda

da rukomeje gushora imari mu guteza imbere urwego rw'ubuzima, mu gihe amashuri nka RHIH akomeje kuba umufatanyabikorwa ukomeye mu gutegura abazafasha kugera kuri izo ntego.

Mu myaka irenga 10 ishize RHIH ibaye ishuri rikuru, rimaze gutanga abanyamwuga benshi mu rwego rw'ubuzima bakorera mu bitaro, ibigo nderabuzima n'ahandi hatangirwa serivisi z'ubuvuzi mu Rwanda.

Abanyeshuri 239 barangije uyu mwaka ni ikimenyetso cy'uruhare rukomeje kwaguka rw'iri shuri mu kubaka ubushobozi bw'urwego rw'ubuzima.

Mu gihe igihugu kigikomeje guhangana n'icyuho cy'abakozi b'ubuzima, cyane cyane abaforomo n'ababyaza, RHIH ikomeje kwigaragaza nk'imwe mu nkingi zifasha Leta kugera ku ntego za gahunda ya 4x4 no gukomeza kugeza serivisi z'ubuzima zinoze ku Banyarwanda bose

Abasaga 3,024 basoje Ihuriro ry'Urubyiruko ku nshuro ya 22, basabwa kudatembera isoni no kuba abakirisitu

Marie Jeanne UMUTONI

Ku Cyumweru tariki ya 23 Kanama 2026, muri Diyosezi Gatolika ya Byumba hasojwe Ihuriro ry'Urubyiruko ku rwego rw'igihugu, ryari rimaze iminsi isaga ine rihuza urubyiruko rwaturutse muri Diyosezi icyenda z'u Rwanda ndetse no mu bihugu bitandukanye birimo Uganda, Tanzania, u Burundi, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) n'Ubutaliyani.

Abasaga 3,024 ni bo bitabiriye iri huriro, ryasojwe mu Gitambo cya Misa yayobowe na Nyiricyubahiro Antoine Cardinal Kambanda, Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda.

Musenyeri Papias Musengamana, Umwepiskopi wa Diyosezi Gatolika ya Byumba akaba na Perezida wa Komisiyo ishinze Ikenurabushyamba ry'Urubyiruko mu Nama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda, wanakiriye iri huriro, yavuze ko mu minsi yose ryamaze urubyiruko rwagize ibiganiro bitandukanye byarufashije kurushaho gusobanukirwa ukwemera kwabo, abo ari bo ndetse na Kiliziya.

Yagize ati *"Kuwa ku wa Gatatu kugeza mu gitondo cyo kuri iki Cyumweru twagiye tugira ibiganiro bitandukanye nk'urubyiruko bidufasha guhugurirwa n'ukwemera kwacu, guhugurirwa abo turi bo, guhugurirwa no kumenya Kiliziya yacu kugira ngo tubashe koko kuba abahamya b'abo turi bo muri ino si yacu ya none."*

Musenyeri Papias yanagarutse ku nsanganyamatsiko y'iri huriro igira iti *"Muri abahamya b'amizero, ubuvandimwe n'amahoro."*

Yasobanuye ko kuba umuhamya bisaba kuba uzi kandi wemera icyo

uhamya, cyane cyane ku mukirisitu ugomba kumenya neza abo ari bo n'ukwemera kwe.

Yavuze ko Nyirubutange Papa yabahaye iyi nsanganyamatsiko abararikira nk'urubyiruko kugira ngo muri iyi si ya none irimo guhindagurika kandi irimo ibigeragezo byinshi, cyane cyane bibangamira urubyiruko, bibutswe ko bahamagarirwa kuba abahamya b'ukwemera kwabo no kumenya abo ari bo nk'abakirisitu.

Yifashishije indirimbo *"Ndi umukirisitu"*, abantu benshi bakunze kuvugako ari iya Karahanyuze, Musenyeri Papias yagarutse ku isano iri hagati y'ubutumwa bw'iyi ndirimbo n'ubuzima bw'urubyiruko muri iki gihe, avuga ko hari abakirisitu bagira isoni zo kugaragaza ukwemera kwabo, abasaba kudatembera isoni no kuba abakirisitu.

Ati *"Muri kino gihe hari benshi kubera ibihe turimo bitandukanye bagira isoni zo kuba abakirisitu bakagira isoni zo kugaragaza abo baribo."*

Musenyeri Papias yasojwe ashimira urubyiruko rwaturutse muri Diyosezi icyenda z'u Rwanda ndetse n'urubyiruko rwaturutse mu bihugu bitandukanye byo hanze y'u Rwanda, rwitabiriye iri huriro rusaga ibihumbi bitatu.

Yarushishikariye gutaha rukomeza kwihatira kuba abahamya b'amizero, ubuvandimwe n'amahoro, ndetse rukamenya gushaka ibisubizo nyabyo bikwiye ku bibazo ruhura na byo.

Igikorwa cyo gusozza iri huriro cyitabiriwe n'abanyacyubahiro batandukanye, barimo Abepiskopi ba Diyosezi Gatolika zitandukanye mu Rwanda, Intumwa ya Papa mu Rwanda, Musenyeri Arnaldo Sanchez Catalan, abayobozi mu nzego za Leta barangajwe imbere na Minisitiri w'Urubyiruko, Utumatwishima Abdallah.

Padiri Fidele Mutabazi yatorewe kuyobora SIGNIS Afri-ca, Padiri Walter yasimbuye atorerwa kuyiyobora ku isi



Padiri Fidele Mutabazi Umuyobozi wa SIGNIS muri Africa

Theophile NGENDAHIMANA

Padiri Fidele Mutabazi, Umunyamabanga wa Komisiyo y'Itumanaho n'Itangazamakuru mu Nama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda akaba n'Umuyobozi wa Kinyamateka, ni we watorewe kuyobora SIGNIS Africa, umuryango mpuzamahanga uhuza abakora itangazamakuru n'itumanaho Gatolika muri Afurika.

Aya matora yabaye mu gihe cy'Inama Mpuzamahanga ya SIGNIS World Congress 2026 yaberaga i Kigali, kuwa ku wa 3 kugeza ku wa 8 Kanama 2026, yahuzaga Abanyamakuru n'abakora mu itumanaho Gatolika basaga 300 baturutse mu bihugu 40 byo ku migabane

yose y'isi.

Padiri Mutabazi yasimbuye ku yu mwanya Padiri Walter Chikwendo Ihejirika wo muri Nigeria, wari umaze manda ebyiri ziteganywa n'amategeko y'uyu muryango.

Ubuyobozi bushya bwa SIGNIS Africa bwatowe mu buryo bw'amateka, kuko ari ubwa mbere kuva uyu muryango washingwa mu 2001 abagore bagize umubare munini mu bagize Inama y'Ubuyobozi.

Padiri Fidele Mutabazi asanzwe ari Umuyobozi Mukuru w'ikinyamakuru Kinyamateka ndetse akaba Umuyobozi ushinze Itumanaho mu Nama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda.

Uretse Padiri Fidele Mutaba-

zi watorewe kuba Perezida, ubuyobozi bushya bwa SIGNIS Africa bugizwe n'abanyamuryango barindwi baturuka mu bihugu bitandukanye bya Afurika.

Virginia Kabugu wo muri Kenya, akaba Umuyobozi wa Catholic Media Network i Nairobi, yatorewe kuba Visi Perezida wa SIGNIS Africa.

Padiri Alexis Ouedraogo wo muri Burkina Faso we yatorewe kuba Umunyamabanga akaba n'Umubitsi.

Abandi bagize ubu buyobozi ni Sr. Anastância Sebastião Simbe FMA wo muri Mozambique, Clarice Azuatalam wo muri Nigeria, Kudakwashe Martin Matambo wo muri Zimbabwe na Mwami Daka wo muri Zambia.

Ubu buyobozi bushya bugaragaza ubudasa bw'Afurika haba mu bihugu abawugize baturukamo ndetse no mu ndimi zikoresheye cyane muri uyu mugabane, ari zo icyongereza, Igifaransa n'Igiporutugali.

Nyuma yo gutorerwa kuyobora SIGNIS Africa, Padiri Fidele Mutabazi yashimiye intumwa zamugiriyeye icyizere, anazisaba gukomeza kumushyigikira mu nshingano nshya yahawe.

Yagaragaje ko aya matora ari ay'amateka kandi agaragaza neza isura y'Afurika, haba mu bijyanye n'uturere ndetse no mu ndimi zitandukanye zikoresheye ku mugabane.

Yishimiye kandi ko abagize Inteko y'Abahagarariye SIGNIS Africa batamuhaye gusa ubuyobozi burimo umubare munini w'abagore, ahubwo ko banatanyije abantu bafite ubunararibonye mu itangazamakuru, mu itumanaho no mu buyobozi.

Padiri Mutabazi kandi yari Umuyobozi w'agateganyo wa Komite itegura Inama Mpuzamahanga ya SIGNIS World Congress yaberaga i Kigali.

Abitabiriye inama bashimiye Padiri Mutabazi n'abandi bateguye iyi nama kubera uburyo bwitondewe kandi bunoze yateguwemo, ndetse n'imikorere myiza bagaragaje mu kwakira intumwa zaturutse mu bice bitandukanye by'Isi.

Inama Mpuzamahanga ya SIGNIS World Congress 2026 yabereye i Kigali yahuje abanyamakuru Gatolika, inzobere mu itangazamakuru n'itumanaho ndetse n'abakora muri uru rwego, baturutse mu bihugu birenga 40 byo ku migabane itanu y'Isi.

Ni ubwa mbere iyi nama mpuzamahanga ya SIGNIS World Congress ibereye ku mugabane wa Afurika.

SIGNIS ni umuryango mpuzamahanga w'abakora itangazamakuru n'itumanaho Gatolika ku Isi. Wavutse ku mugaragaro mu Ugushyamba 2001, ubwo imiryango ibiri ya Kiliziya yari isanzwe ikorera mu itangazamakuru yahurizwaga hamwe.

Iyo miryango ni OCIC, wari ushinze cyane cyane sinema, na Unda, wakoreraga cyane mu rwego rwa radiyo na televiziyo. Iyo miryango yombi yari yarashinze mu 1928.

Kuva icyo gihe, SIGNIS yakomeje kuba umuryango uhuza abakora itangazamakuru n'itumanaho muri Kiliziya Gatolika hirya no hino ku Isi, hagamijwe guteza imbere itumanaho rifasha mu kwamamaza Ivanjili no guteza imbere amahoro, ubumwe n'icyubahiryo cya muntu.

Papa Leo XIV yageneye ubutumwa abanyamakuru bateraniye i Kigali mu ihuriro rya SIGNIS



Arikiyepiskopi Arnaldo Catalan Intumwa ya Papa mu Rwanda

Theophile NGENDAHIMANA

Mu butumwa Papa Leon wa XIV yagejeje ku bakora mu Itangazamakuru Gatolika bitabiriye ihuriro rya SIGNIS ryabereye i Kigali tariki 3-8 Kanama 2026, yabasabye gukoresha neza itumanaho rigezweho mu guteza imbere icyiza rusange.

Muri ubu butumwa bwashomwe

na Arikiyepiskopi Arnaldo Catalan, Intumwa ya Papa mu Rwanda, Papa Leo XIV yagize ati "Mbifurije amahoro kandi mbizeza ko ndi hafi yanyu mu buryo bwa roho, mwebwe mwese mwitabiriye Inama Mpuzamahanga ya SIGNIS iri kubera i Kigali. Ndizera ko ibiganiro muzagirana bizatanga imbaraga nshya zo gutuma imbuga n'uburyo bw'itumanaho bikomeza guteza imbere icyiza rusange cy'umuryango mugari w'abantu."

Papa yakomeje agaragaza ko muri iki gihe isi ibayeho mu gihe cy'ikoranabuhanga, aho ubuzima bwa benshi bushingiye kuri murandasi n'itumanaho rya digitale. Yibukije ko itumanaho ritagomba gufatwa nk'uburyo bwo guhererekanya amakuru gusa, ahubwo rifite uruhare runini mu kubaka umuco n'imitekerereze y'abantu.

Yagize ati "Muri iki gihe twita icy'ikoranabuhanga, ubuzima bwacu bwinshi bushingiye ku ikoranabuhanga no kuri murandasi. Nk'uko nabigaragaje mu nyandiko Magnifica Humanitas, itumanaho ryo ku mbuga nkoranyambaga si ugutanga amakuru gusa, ahubwo ni uburyo bwo kurema umuco, kuko rifite ubushobozi bwo guhindura uburyo aban-

tu babona isi no kugira ingaruka zikomeye ku mutimanama rusange."

Papa Leo XIV yavuze ko insanganyamatsiko y'iyi nama ihuye neza n'ibikenewe muri iki gihe, asaba ko ibiganiro bizayiberamo byatanga ibisubizo bifatika.

Yagize ati "Nizeye ko ibiganiro byanyu ku nsanganyamatsiko igira iti 'Itumanaho rya digitale rigamije ubwuzuzanywe bw'umuco no kubungabunga ibidukikije' bizashaka uburyo bwo guteza imbere ingamba n'ibikoresheho by'itumanaho bishingiye ku gushaka ukuri no kubaha agaciro ka muntu."

Yakomeje agaragaza intego nyamukuru y'itumanaho Kiliziya ishishikariza abakora uyu mwuga. Ati "Muri ubwo buryo, umurimo wanyu uzafasha kubaka umuco ugaragaza indangagaciro z'Ivanjili zirimo ubumwe, amahoro no kwita ku bidukikije."

Mu gusoma ubutumwa bwe, Umushumba wa Kiliziya Gatolika ku Isi yaragije abitabiriye iyi nama ubuvugizi bwa Bikira Mariya, Nyina wa Jambo, abasabira kuzagira umusaruro urambye mu butumwa bwabo.

Iyi Nama Mpuzamahanga ya SIGNIS World Congress 2026 yarangiye ku wa 8 Kanama 2026, nyuma y'iminsi itandatu y'ibiganiro, amahugurwa, ubusabane n'ibiganiro bigamije gufasha abakora mu itumanaho Gatolika kurushaho gukoresha itangazamakuru n'ikoranabuhanga mu kwamamaza Ivanjili, kwimakaza ukuri, kubaka amahoro no guteza imbere iterambere rirambye ku Isi.

Ubwanditsi

Umuyobozi:
Padiri Fidèle Mutabazi

Umwanditsi Mukuru:
Theophile Ngendahimana

Abanditsi:
Marie Jeanne Umutoni
Isaac NTIMBAKURE

Gutunganya inyandiko n'amafoto:
Pierre Celestin Nshimiyimana
Delphine Umukoziwimana

Ushinzwe abasomyi:
Marie Claire Mukundwankase

Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro yahinduye Umunyamabanga Mukuru, Padiri Valens asimburwa na Padiri Rutakisha

Theophile NGENDAHIMANA

Ku wa Kabiri tariki ya 25 Kanama 2026, ku cyica-ro cy'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda ku Ruyenzi, habereye umuhango wo guhererekanya ububasha ku buyobozi bw'Umunyamabanga Mukuru wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro.

Ububasha bwahererekanyijwe hagati ya Padiri Valens Niragire wari umaze imyaka irindwi ayobora iyi Komisiyo, na Padiri Jean Paul Rutakisha wo muri Diyosezi ya Nyundo wagizwe Umunyamabanga Mukuru mushya.

Umuhango wayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Vincent Harolimana, Umwepiskopi wa Diyosezi Gatolika ya Ruhengeri akaba na Visi Perezida wa Mbere wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro.

Mu ijamba rye, Musenyeri Harolimana yashimiye Padiri Valens Niragire ku murimo yakozwe mu myaka irindwi yamaze ayobora Komisiyo, avuga ko yayisoye neza kandi ayisize ihagaze neza.

Yagize ati “*Padiri Valens rero, Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda iragushimira. Wasoje neza ubutumwa wahawe. Wakiranye ibyishimo ubutumwa, kandi tuzi neza ko igihe winjiraga muri ubu butumwa hari ibibazo byinshi byari muri Komisiyo. Aho wagiye ubona inzira z'ibisubizo, none Komisiyo ikaba ihagaze neza, itanga ikizere.*”

Musenyeri Harolimana yavuze kandi ko Padiri Valens yanzwe n'ubwitange, guhanga udushya, kureba kure ndetse n'umutima w'ubusaserdoti, anashimira uburyo yakoranye neza na Kiliziya mu gihe cyose yamaze muri ubu butumwa.

Yagize ati “*Wagaragaje ubwitange, wagaragaje guhanga udushya, wagaragaje kureba kure, wagaragaje umutima w'ubusaserdoti wa Kiliziya kandi wunga ubumwe na Kiliziya. Imyaka umaze ku bunyamabanga bwa Komisiyo yatubereye twese imyaka y'imigisha myinshi.*”

Padiri Valens Niragire yatangiye kuyobora Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro ku wa 1 Mutarama 2019. Yayinjiye mu mu gihe Kiliziya Gatolika mu Rwanda yiteguraga kwizihiza imyaka 25 y'urugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge.

Mu myaka irindwi yamaze muri iyi Komisiyo, yavuze ko umubare w'abakozi wayo wariyongereye. Yasanze ari icyenda, barimo abagore babiri, ariko ayisize ifite abakozi 18, muri bo abagore bakaba ari umunani.

Mu ijamba rye, Padiri Valens yashimiye Abepiskopi Gatolika mu Rwanda bamugiriye icyizere bakamuha izi nshingano, anashimira by'umwihariko abepiskopi n'abandi bayobozi bakoranye na we.

Yagize ati “*Nongeye gushimira Abepiskopi bangiriye ikizere kugira ngo nyobore iyi Komisiyo itoroshye. Nayitangiyemo ubutumwa tariki ya mbere Mutarama 2019, ubwo twiteguraga guhimbaza imyaka 25 y'urugendo rw'ubumwe*

n'ubwiyunge muri Kiliziya.”

Yakomeje agira ati “*Nishimira Abepiskopi bamfashije gutangira no gukomeza ubu butumwa. Ndashimira Nyiricyubahiro Antoine wari Perezida wa Komisiyo ubwo nayinjiragamo, ndashimira Myr Anaclet Mwumvaneza, Umwepiskopi wa Diyosezi Gatolika ya Nyundo, akaba na Perezida wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro kugeza ubu, ndetse n'abamwunganira bose.*”

Padiri Valens yashimiye kandi abakozi ba Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro, avuga ko bagiranye imikoranire myiza mu myaka irindwi yamaze ayiyobora.

Ati “*Ndashimira gushimira abakozi ba Komisiyo. Twakoranye imirimo myiza muri iyi myaka irindwi. Ni abakozi batiganda, ni abakozi bazi icyo bakora kandi bajya inama.*”

Padiri Valens agiye gukomereza ubutumwa i Roma

Musenyeri Vincent Harolimana yashimiye Padiri Valens Niragire ku nshingano asoje, anamwifuriza ishya n'ihirwe mu butumwa bushya agiye gukomereza i Roma.

Nyuma yo guhererekanya ububasha, Musenyeri Harolimana yakiriyeye Padiri Jean Paul Rutakisha nk'Umunyamabanga Mukuru mushya wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro, anamwizeza ubufatanye bw'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda.

Yagize ati “*Padiri Jean Paul nawe tukwifurije ikaze, twishimiye kubana nawe, tukwijeje ubufatanye, tukwifuriza ishya n'ihirwe. Abepiskopi Gatolika mu Rwanda tukaba tugushimira uburyo wakiriyeye neza ubutumwa wahawe.*”


Musenyeri Harolimana yavuze ko Padiri Rutakisha afite ubunararibonye bushobora kumufasha muri izi nshingano, kuko asanzwe azi Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro binyuze mu mikoranire yari asanzwe ayifitanye na yo ku rwego rwa Diyosezi ya Nyundo.

Ati “*Twizera cyane ko uzabushoza neza kuko iyi Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro urayizi neza, kuko imyaka umaze ukorana na yo ku rwego rwa Diyosezi ya Nyundo yagusigiye ubunararibonye.*”

Yongeyeho ko kuba Padiri Rutakisha ari mu mwaka wa Yubile y'imyaka 25 y'ubusaserdoti na byo bishobora kuza mufasha guhuzab ubunararibonye, ubushobozi n'ubwitange mu nshingano nshya ahawe.

Ati “*Dukurikije n'umwaka wawe wa Yubile y'ubusaserdoti, ndahamya ko izahuza ubushobozi, ubwitange usanzwe ugaragaza n'ubunararibonye mu butumwa bwa Kiliziya nk'umusaserdoti wizihiza Yubile y'imyaka 25. Tukaba tuboneyeho kukwifuriza Yubile nziza.*”

Padiri Rutakisha yiyemeje gukomeza



ibyiza byagezweho

Padiri Jean Paul Rutakisha, Umunyamabanga Mukuru mushya wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro, yashimiye Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo wamugiriye icyizere akamuhitamo muri bagenzi be kugira ngo ahabwe ubu butumwa.

Yavuze ko gusimbura Padiri Valens Niragire bitazaba ibintu byoroshye, bitewe n'ibikorwa byinshi amaze kugeraho, ariko ko yiyemeje gukomeza ibyo yashize atarangije no kongeramo ibitekerezo bishya.

Ati “*Ndashimira kandi Umwepiskopi wa Nyundo wampisemo mu bandi bapadiri ba Diyosezi Gatolika ya Nyundo. Gusimbura Padiri Valens bizangora kubera ko byinshi yarabikoze, ariko hari n'ibindi byinshi yashize bidakozwe.*”

Yakomeje agira ati “*Umukoro mfite ni ugusoma ibyo atabashije kugeraho, ariko nanjye nk'umuntu uzanye amarasomashya nkagira n'ikindi nongeraho.*”

Padiri Rutakisha yavuze ko kuba asanzwe azi abakozi ba Komisiyo, na bo bakaba bamuzi, bizamufasha gutangira neza inshingano nshya.

Ati “*Abakozi nje nsanga twabana kandi bese baranzi, nanjye ndabazi. Twagize inshuro nyinshi zo kuganira.*”

Komisiyo imaze imyaka isaga 30 mu butumwa bw'ubutabera n'amahoro

Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro mu Nama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yashinze nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu rwego rwo kugira uruhare mu bikorwa by'isan-

amitima, ubumwe n'ubwiyunge ndetse no guteza imbere ubutabera n'amahoro.

Mu mateka yayo, Komisiyo yagiye iyoborwa n'abapadiri n'abepiskopi batandukanye. Padiri Ugirashebuta Octave yabaye umwe mu bayobozi bayo ba mbere nk'Umunyamabanga Mukuru, mu gihe Musenyeri Rubwejanga Frédéric yari Perezida wayo kuva mu 1996 kugeza mu 2000.

Kuva mu 2000 kugeza mu 2003, Umunyamabanga Mukuru yari Padiri Martin Nzigiyimana, mu gihe Musenyeri Rubwejanga yakomeje kuba Perezida.

Kuva mu 2003 kugeza mu 2019, Umunyamabanga Mukuru yari Padiri Gasana Vincent, wakoranye n'abepiskopi batandukanye, barimo Musenyeri Servilien Nzakamwita na Musenyeri Antoine Kambanda, waje kuba Karidinali.

Ku wa 1 Mutarama 2019, Padiri Valens Niragire yagizwe Umunyamabanga Mukuru wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro, atangira izi nshingano mu gihe Antoine Kambanda yari Perezida wa Komisiyo. Nyuma yakomeje gukorana na Musenyeri Anaclet Mwumvaneza, uyibereye Perezida kugeza ubu.

Nyuma y'imyaka irindwi ayo-boye Komisiyo, Padiri Valens Niragire agiye gukomereza ubutumwa i Roma, asimbuwe na Padiri Jean Paul Rutakisha wo muri Diyosezi ya Nyundo.

Padiri Rutakisha atangiye ubu butumwa afite inshingano zo gukomeza ibyiza byagezweho na Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro, gukomeza ibikorwa bitarangiye no kongeramo ibishya, mu rugendo rwa Kiliziya rwo kwimakaza ubutabera, amahoro, ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda.



“Birababaje kubona umwana uri muni y’imyaka 18 ari mu Igororero azira gufata ku ngufu” Musenyeri Papias

Theophile NGENDAHIMANA

Musenyeri Papias Musen-gamana, Umwepiskopi wa Diyosezi Gatolika ya Byumba, yavuze ko bibabaje kubona abana bari muni y’imyaka 18 bari mu Igororero rya Nyagatare bazira ibyaha byo gufata ku ngufu, asaba ababyeyi, abayobozi, Kiliziya n’umuryango muri rusange kugira uruhare mu kukumira ibyaha bikorwa n’abana no kubafasha gukosoka.

Yabigarutseho mu gusozza Ihuriro ry’urubiruko ryaberaga muri Diyosezi ya Byumba kuri iki cyumweru tariki ya 23 Kamena 2026, avuga ko mu minsi ine ishize bari muri iri huriro, urubiruko rwabonye umwana wo gusura abana bari mu Igororero ry’Abana bato rihereye mu Karere ka Nyagatare.

Yagize ati “Birababaje bikanababaza kubona 60, 70% by’abana bari hagati ya 14 kugeza kuri 17 icyaha cyabajyanye aho bari ari ugufata ku ngufu. Birababaje rubiruko, birababaje basaserdoti, birababaje bayobozi, birababaje babyeyi, aha hantu natwe tugomba kureba uruhare rwacu n’icyo twakora gikwiye.”

Musenyeri Papias yakomeje avugaga ko bidakwiye ko umwana uri muni y’imyaka 18 aba mu Igororero azira icyaha gikomeye nk’icyo gufata ku ngufu, asaba buri wese kugira uruhare mu kukumira imyitwarire nk’iyo.

Ati “Birababaje kandi kubona ababyeyi bateshutse ku nshingano zo kwita ku bana babo, muri iyi minsi hari amashusho yakwirakwijwe ku mbuga nkoranyambaga y’umwana wabwiraga ababyeyi ko bibabaje kuba barateshutse ku nshingano zabo, byarantunguye kubona bamuha amashyamba numvaga ubundi bari bakwiye kugira isoni.”

Yavuze ko hari n’ikindi kibazo gihangayikishije cyo kubona umwana afunganywe n’umubyeyi we kubera ibyaha Nyina yakoze asaba inzego bireba kugira icyo babikoraho.

Ati “Aha ndagira ngo nsabe abayobozi n’abadepte baduhagarariye mu Nteko Ishinga Amategeko badufasha gushyiraho amategeko, igihe kirageze kugira ngo amategeko agenga abana bakora ibyaha tuyashishoze. Birababaje kandi biteye agahinda kubona umwana w’imyaka 14 akikiye akana k’agahinja mu Igororero. Umwana wavutse afite agaciro kure kureka amakosa nyina yakoze aho kugira ngo azamare imyaka 15 nawe ari

kumwe na nyina wakoze amakosa, aha ndagira ngo habe ubuvugizi.”

Yakomeje asaba ko harebwa uburyo abana bavukira mu Igororero batagira ingaruka z’igihe kirekire zaterwa no gukurira aho, asaba ko hakorwa ubuvugizi kugira ngo amategeko n’izindi ngamba bifashe abana n’ababyeyi babo.

Ati “Abo bana muzabampe mbazane mbatunge i wanjye, umwana w’uruhinja uvukira mu Igororero akamara imyaka 15 ari kumwe na nyina kubera ikosa yakoze birababaje kandi biteye agahinda, amategeko adufashe gufasha abayaguyemo gukosoka vuba no kuyakosora tubigiranye umutima wa Kibyezi, urukundo n’ubugwaneza.”

Musenyeri Papias, yavuze ko ubutumwa bw’iri huriro bwo kuba abahamya b’amizero, ubuvandimwe n’amahoro bugomba kujyana no kureba ibibazo bifatika byugariye urubiruko, kuko kumara imyaka myinshi mu Igororero atari cyo gisubizo cyonyine gishobora gufasha umwana gukosoka no kongera kubaho neza.

Minisitiri w’Urubiruko n’Iterambere ry’Ubuhanzi, Dr. Utumatwishima Jean Nepo Abdallah, wari witabiriye igikorwa cyo gusozza iri huriro, yavuze ko ikibazo cyagaragajwe na Musenyeri Papias bagiyemo kugikorera ubuvugizi, hareb-



we icyakorwa.

Ati “Ndabizeza ubuvugizi ku byo mwabonye mu Igororero rya Nyagatare, turaza gukorana n’inzego turebe ikibazo cy’abana bafunzwe bakaza kubyara hanyuma bakabana n’abana babo b’impinja, iki turaza kukigeza kuri ba Nyakubahwa ba Minisitiri babifite mu nshingano.”

Imibare yatanze igaragaza ko mu Igororero ry’Abana bato bari muni y’imyaka 16 rihereye mu Karere ka Nyagatare, hagarorera abana barenga 800.

Padiri Kayisabe arasaba urubiruko kuba ikiraro cy’umubano w’abatuye ibiyaga bigari

Theophile NGENDAHIMANA

Umunyamabanga Mukuru w’Inama y’Abepiskopi Gatolika mu Rwanda, Padiri Kayisabe Vedaste, yasabye urubiruko rwitabiriye Forumu y’Urubiruko ku rwego rw’igihugu kuba imbaraga z’ubuvandimwe, ubumwe n’ubwiyunge hagati y’abantu, by’umwihariko mu bihugu by’ibituranyi bisangiye amateka by’u Rwanda, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) n’u Burundi.

Ibi yabivuze kuri uyu wa 20 Kanama 2026, ubwo yatangaga inyigisho ku rubiruko ruteraniye muri Paruwasi Katedrali ya Byumba, aho Forumu y’Urubiruko Gatolika ku rwego rw’igihugu iri kubera kuwa ku wa 19 kugeza kuwa 23 Kanama 2026.

Padiri Kayisabe yibanze ku migenzo mbonezamubano, asaba urubiruko kurambura amaboko rugana buri wese, rukirinda ibibatandukanya ahubwo rugashyira imbere ibihuza abantu. Yagaragaje ko iyi ndangagaciro ikwiye no kuranga imibanire y’abatwaga b’ibihugu bituranye, cyane cyane u Rwanda, RDC n’u Burundi.

“U Rwanda, RDC n’u Burundi dusangiye amateka ariko tubanye nabi” Mu butumwa bwe, Padiri Kayisabe yagarutse ku mubano w’ibihugu bitatu byo mu karere k’Ibiyaga Bigari, avuga ko bifatanye amateka n’imibanire ya hafi,

ariko ko muri iki gihe umubano wabyo utifashe neza.”

Yasabye urubiruko kudasigara ku ruhande imbere y’ibi bibazo, ahubwo rukagira uruhare mu kubaka umubano mwiza ushingiyemo ku bwubahane, ubuvandimwe n’ubufatanye.

Ati “Nyabuneka rubiruko isi ya none irabakeneye, igihugu cyacu kirabakeneye, akarere kacu karabakeneye. Murabizi yuko ibihugu byacu dusangiye amateka. U Rwanda, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo n’Uburundi dusangiye amateka ariko tubanye nabi cyane.”

Yahise asaba urubiruko gushyira imbere kwakira abandi no kurenga ku mbizi zishobora gutandukanya abantu. “Ni murambure amaboko, mwakire uwo ari we wese.”

Ubu butumwa yabutanze mu gihe muri Forumu harimo urubiruko rwaturutse muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, rwaje gusangira n’urwo mu Rwanda, bikaba byagaragajwe ko urubiruko rushobora gukomeza kwegereana no kubaka ubuvandimwe nubwo ibihugu byabo bishobora kuba bifatanye ibibazo mu mibanire.

Padiri Kayisabe yasobanuye ko kubana neza n’abandi bisaba umutima ufunguye no kwemera kwakira umuntu uwo ari we wese.

Yibukije urubiruko ko ku bakristu, ubuvandimwe budashyirahamye gusa ku isano y’amaraso, ahubwo ko ukwemera kubahuriza hamwe kurenza imibizi z’amoko n’ibihugu.

Ati “Mbenezamubano rero ni ukurambura amaboko ukayaramburira bese. Muzi yuko abakristu dufite isano isumba iy’amaraso. Nta Muyahudi, nta Mugereki, nta munyamahanga, twese turi abavandimwe.”

Yasabye urubiruko gushyira mu bikorwa ubwo butumwa, rukirinda kureba umuntu hashingiye ku gihugu akomokamo cyangwa ku bibazo bishobora kuba biri hagati y’ibihugu.

Ati “Mukomeze murambure amaboko muyaramburire umuntu uwo ari we wese. Ubufatanye butagira imibizi (Solidarité sans frontières). Yezu Kristu yaramburirye amaboko buri wese. Abanyabyaha n’itungane, abarwayi n’abazima. Yezu yabaramburirye amaboko, ni iki cyababuzaga kuyarambura mwebwe?”

Padiri Kayisabe yavuze ko imbaraga urubiruko rufite zishobora gukoreshwa mu kubaka imibanire myiza no gusenyira imyumvire itera amacakubiri. Arusaba kumenya kubana n’abantu batandukanye, baba abato cyangwa abakuru, abenegihugu cyangwa abanyamahanga, abo bahuje inkomoko cyangwa abo badahuje.

Ati “Kumenya kubana n’abandi abo ari bo bese. Abato n’abakuru, abenegihugu n’abanyamahanga, abo muva inda imwe n’abo muva inda imwe, abakure n’aba hafi. Nimubivuye mubikuye ku mutima, mwishimire ko mubikunze.”

Umunyamabanga Mukuru w’Inama y’Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yavuze ko isi, ibihugu ndetse n’akarere k’Ibiyaga Bigari bakeneye urubiruko



rufite ubushake bwo kubaka amahoro no guteza imbere umubano mwiza. Ati “Nyabuneka rubiruko isi ya none irabakeneye, igihugu cyacu kirabakeneye, akarere kacu karabakeneye.”

Mu gusozza ubutumwa bwe, Padiri Kayisabe yasabye urubiruko gushyira hamwe, gukorera hamwe no guhitamo ibihuza abantu aho kwibanda ku bitandukanya.

Ati “Tugomba guharanira gushyira hamwe, gukorera hamwe, gukunda igihuza abantu mukajya mwitwaga abasangiye kugenda kuko musangiye iby’ubwoba.”

Forumu y’Urubiruko Gatolika ku rwego rw’igihugu yabereye kuri Paruwasi Katedrali ya Byumba kuwa kuwa 19 kugeza kuwa 23 Kanama 2026, ihuriza hamwe urubiruko rugera ku 3,024 ruturutse mu madiyosezi Gatolika yose y’u Rwanda, ndetse n’urwaturutse muri RDC, Uganda n’Ubutaliyani.

Amafoto y'ibyaranze Ihuriro ryo ku rwego rw'isi rya SIGNIS ryabereye i Kigali tariki 3-8 Kanama 2026



Abayobozi ba Dikasiteri ishinzwe iyogezabutumwa ku isi na Dikasiteri ishinzwe itumanaho bitabiriye iri huriro



Abitabiriye SIGNIS bagize umwanya wo kuragiza Imana ubutumwa bakora mu itangazamakuru rya Kiliziya



Uretse imirimo isanzwe y'inama, habayeho no gusura urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali n'ibindi bice by'umujyi wa Kigali





WELCOME TO Librairie Caritas Ltd



Contact Us



Phone:
+250 788 300 787



Email:
librairiecaritas1@gmail.com



Address:
<https://librairiecaritas.com>

OUR PRODUCTS





Library



Papeterie



Handcraft



LIBRAIRIE CARITAS Ltd

Southern Province
KAMONYI District
Saint Ignace Mugina TSS



Kabagyi Diocese
P.O. Box 66 Muhanga - Rwanda - Africa
Phone: +2507 82709818
E-mail: saintignacetss@gmail.com

TRADES:

- Networking and Internet Technology
- Building Construction
- Computer System and Architecture
- Masonry
- Multimedia Production

ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO

Ububobozi bw'ishuri rya Saint Ignace Mugina T.S.S, rihereye mu Karere ka Kamonyi Umurenge wa Mugina, Akagari ka Mbat, Umudugudu wa Mikamba, burahamagarira ba rwivemezamirimo babishoboye kandi bujije ibyangombwa ko ryifuza gutanga amasoko mu mwaka w'amashuri wa 2026/2027.

Ayo masoko ni aya akurikira:

1. Isoko ryo kugemura ibiribwa by'abanyeshuri
2. Isoko ryo kugemura ibicanwa
3. Isoko ryo kugemura ibikoresho byo kwigiraho n'ibyo mu biro
4. Isoko ryo kwambika abanyeshuri impuzankano

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ayo masoko biboneka mu bunyamabanga bw'ishuri bigahabwa uwishyuye amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi (10000 Frw) adasubizwa kuri Konti z'ishuri arizo Konti No 440- 409181810-154 iri muri BPR BANK RWANDA PLC na Konti No 9000.196026.00 iri mu MWALIMU-SACCO

Inyandiko imwe y'ipiganwa y'umwimerere na fotokopi (copies) eshatu zifungiyeye neza mu ibahasha imwe yanditseho "Umuyobozi w'Akanama Gatanga Amasoko muri Saint Ignace Mugina T.S.S., zizagezwa mu bunyamabanga bw'ishuri mu minsi n'amasaha y'akazi bitarenze ku wa 18 Kanama 2026 saa Yine (10:00). Gufungura amabaruwa bizakorwa kuri uwo muni saa tanu n'igice (11:30) ku cyicaro cy'ishuri. Uwakenere ibindi bisobanuro yabibariza ku cyicaro cy'ishuri, cyangwa akifashisha numero za telefone zikurikira: 0782709818/0786959781

Mugire amahoro y'Imana!

Bikorewe ku Mugina kuwa 17 Nyakanga 2026

Padiri MAJYAMBEKE Feix

Umuyobozi wa Saint Ignace Mugina TSS



MINISITERI Y'UBUREZI
INTARA Y'IBURENGERAZUBA
AKARERE KA RUTSIRO
ISHURI RYISUMBUYE MUTAGATIFU
YOHANI RY'I MURUNDA
Contact: 0788565744
E-mail: ngendalaurent1@gmail.com

ITANGAZO.

ISHURI RYISUMBUYE MUTAGATIFU YOHANI RY'I MURUNDA, RIRASHAKA GUTANGA AMASOKO AKURIKIRA Y'IGIHEMBWE CYA MBERE, UMWAKA W'AMASHURI WA 2026/2027:

1. ISOKO RYO KUGEMURA IBIKORESHO BYO MU BIRO,
 2. ISOKO RYO KUGEMURA IBIKORESHO BYO GUSANA, IBY'AMASHANYARAZI N'AMAZI,
 3. ISOKO RYO KUGEMURA IBIKORESHO BY'ISUKU.
 4. ISOKO RYO KUGEMURA INKWI
- ABIFUZA GUPIGANIRA AYO MASOKO BASABWE KUGEZA AMABARUWA AKUBIYEMO IBICIRO MU BUNYAMABANGA BW'ISHURI BITARENZE KU TARIKI YA 22/08/2026, I SAA YINE ZA MU GITONDO (10H00). ANDI MABWIRIZA AKUBIYE MU GITABO CY'AMASOKO MUZASANGA MU BUNYAMABANGA BW'IRYO SHURI NYUMA YO KWISHYURA AMAFARANGA IBIHUMBI BITANU (5 000 FRWS) ADASUBIZWA KURI KONTI Z'ISHURI ZIKURIKIRA:

- NUMERO 505296844710179 MURI BANKI Y'ABATURAGE Y'U RWANDA CYANGWA NUMERO 62225 IRI MU UMWALIMU SACCO.

GUFUNGURA AMABAHASHA MU RUHAME NI KURI UWO MUNSI I SAA YINE (10H00) Z'AMANYWA MU CYUMBA CY'INAMA CY'ISHURI.

Bikorewe i Murunda, ku wa 18/07/2026.

Umuyobozi w'Ishuri Ryisumbuye
Mutagatifu Yohani ry'i Murunda,
Padiri Laurent NGENDAHAHO



EVECHE DE NYUNDO
Telephone : (+250) 788318817
B.P. 85 GISENYI-KWANDA
E-mail : evchenyundo@gmail.com
info@nyundodocese.info
Web Site : www.nyundodocese.info

ITANGAZO RYO KUBIKA

Nyiricyubahiru Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo, afatanyije n'umuryango Musenyeri Jean Marie Vianney NSENGUMUREMYI avukamo, ababajwe no kumenyesha abepiskopi, abapadiri, abihayimana, abakristu ba Diyosezi ya Nyundo, inshuti n'abavandimwe, ko Musenyeri Jean Marie Vianney NSENGUMUREMYI wari Igisonga cy'Umwepiskopi, yitabye Imana mu buryo butunguranye, kuri iki cyumweru tariki ya 30 Kanama 2026 ku gicamunsi ku bitaro bya Gisenyi.

Imihango yo kumuhesha no kumubabira, muzayimenyeshwa mu rindi tangazo. Imana imwiyereke iteka aruhukire mu mahoro.

Bikorewe ku Nyundo, ku wa 30 kanama 2026

* Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo



REPUBLIC OF RWANDA
MINISTRY OF EDUCATION
NGORORERO DISTRICT
COLLEGE APEJERWA NYANGE TVET
Contact: +25078674933
Email: apejerwanyange@gmail.com



ITANGAZO RY'ISOKO NO 001/ 2026-2027

Ububobozi bw'ishuri COLLEGE APEJERWA NYANGE TSS rihereye mu karere ka Ngororero, Umurenge wa Ngororero buramenyeshwa amakoperative na ba rwivemezamirimo ko hazatangwa isoko ryo kugemura ibiribwa by'abanyeshuri inkwi zo gucana ibikoresho byo mu biro n'isuku bizakenerwa mu mwaka w'amashuri 2026 -2027.

Igitabo gikubiyemo amabwiriza kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri kuwa Gatanu tariki ya 31/07/2026 kugeza kuwa Gatanu tariki 21/08/2026 saa tatu zuzuye (09h00) za mu gitondo hamaze gukorwa declaration hakishyurwa amafaranga ibihumbi icumi (10000F) adasubizwa kuri konti ya Rwanda revenue Authority.

Inyandiko zisaba isoko zizakirwa mu bunyamabanga bw'ishuri kuwa Gatanu tariki ya 31/07/2026 kugeza kuwa Gatanu tariki ya 21/08/2026 saa tatu za mu gitondo (09h00).

Gufungura amabashasha ku mugaragaro bizakorwa kuri uwo muni tariki ya 21/08/2026 saa tatu n'igice (09h30) za mu gitondo.

Bikorewe i Nyange, kuwa 30/07/2026

HABIMANA Innocent

Umuyobozi w'ishuri(a.i)



Arikidiyosezi ya Kigali yahimbaje Yubile mu rwego rw'ubusaserdoti



Theophile NGENDAHIMANA

Ku wa 18 Nyakanga 2026, Arikidiyosezi ya Kigali yishimiye kwakira abapadiri 11 bashya bahawe Isakaramentu ry'Ubusaserdoti, hamwe n'abafaratiri 9 bahawe Ubudiyakoni, bitegura kuzahabwa Ubupadiri mu mwaka utaha.

Uyu muhango wahujwe no kwizihiza Yubile y'imyaka 50 ya Arikidiyosezi ya Kigali, bashimira Imana ingabire y'Ubusaserdoti. Wayobowe na Nyiricyubahiro Antoine Karidinali Kambanda, Arikiepiskopi wa Kigali, mu Gitambo cya Misa cyaturawe muri Paruwasi Sainte Famille.

Abafaratiri bahawe Ubudiyakoni ni Célestin Bayizere uvuka muri Paruwasi ya Karege, Jean Marie Vianney Bintunimana wo muri Paruwasi ya Mbogo,

Fabrice Cyuzuzo wa Paruwasi ya Ruli, Emmanuel Hagenimana uvuka muri Paruwasi ya Rwankuba, Achille Hakizimana Kwihangana uvuka muri Paruwasi ya Remera, Elie Fabrice Ishimwe uvuka muri Paruwasi ya Nyamirambo, Valens Ndayisaba uvuka muri Paruwasi ya Kigarama, Verien Uwineza uvuka muri Paruwasi ya Masaka, na Frère Ildephonse Aburora wo mu muryango w'Abakarume (OCD).

Abadiyakoni bahawe Ubupadiri ni Aimable Azabaho Uvuka muri Paruwasi ya Gishaka, Juvens Nishimwe Uvuka muri Paruwasi ya Munanira, Florian Usengayezu wo muri Paruwasi ya Rulindo, Honoré Niyonzima wo muri Paruwasi Sainte Famille, Elie Hakizimana wo mu muryango w'abapaloti (SAC), Pascal Mugambira wo mu muryango w'Abapaloti (SAC), Olivier Hakizimana wo mu

muryango w'Abasareziyani (SDB), Emmanuel Numviyumukiza wo mu basareziyani (SDB), Thomas Nyarwaya, Eric Twagiramungu (OCD), na Blaise Ngayaboshya (OCD).

Nyuma y'imihango y'itangwa ry'amasakaramentu, aba bahawe Ubupadiri babaye abapadiri bidasubirwaho, mu gihe abafaratiri bahawe Ubudiyakoni batangiye urugendo rwa nyuma rubategurira guhabwa Ubupadiri.

Mu nyigisho ye, Nyiricyubahiro Antoine Karidinali Kambanda yibukije ko Ubusaserdoti ari ubwa Yezu Kristu, Umusaserdoti Mukuru, kandi ko ababuhabwa babusangizwa ku buntu bw'Imana aho kuba ari igiheho cy'ibyo bakoze.

Ati “Ni yo mpamvu rero turi hano gushimira Nyagasani, ugira uti si mwe mwantoye, ahubwo ni nje wabatoye ngo mugende mwere imbuto nyinshi kandi nziza.”

Agaruka kuri Yubile y'imyaka 50 ya Arikidiyosezi ya Kigali, Karidinali Kambanda yavuze ko ibikorwa byo gushimira Imana byagiye bikorwa mu byiciro bitandukanye birimo Yubile ya Batisimu, iy'abiyeguriye Imana, none hakaba hagezweho gushimira Imana ingabire y'Ubusaserdoti.

Ati “Turashimira Imana ingabire y'Ubusaserdoti. Ubusaserdoti ni igice cy'amateka y'ubusaserdoti mu Rwanda, ukaba umurage ukomeye w'umukurambere wacu Musenyeri Hirth. Mu ntangiriro atangira kwigisha Ivanjiri mu Rwanda yashyize imbaraga mu gutoza abogezabu-

tumwa, agirira icyizere Abanyarwanda, abatoza umuhamagaro w'Ubusaserdoti adashidikanya ko bashobora kwiyegeurira Imana bakaba abasaserdoti, bitandukanye n'ahandi henshi batangiraga bashidikan-ya niba abirabura cyangwa abanyamahanga aho Ivanjiri igeze bahita bumva bagera ku ntambwe yo kwiyegeurira Imana nk'abasaserdoti.”

Karidinali Kambanda yanagarutse ku rugendo rw'Arikidiyosezi ya Kigali muri iyi myaka 50, avuga ko ishimira Imana ku bepiskopi bane bayikomokamo, ari bo Musenyeri Célestin Hakizimana, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Gikongoro uvuka muri Paruwasi Sainte Famille, Musenyeri Anaclet Mwumvaneza wa Diyosezi ya Nyundo, Musenyeri Jean Bosco Ntagungira wa Diyosezi ya Butare, na we uvuka muri Paruwasi Sainte Famille; ndetse anashimira Imana ko muri abo bepiskopi harimo n'Umukaridinali.

Muri uyu muhango kandi hahimbajwe Yubile y'imyaka 50 n'iy'imyaka 25 y'abapadiri batandukanye.

Abahimbaje Yubile y'imyaka 50 y'Ubupadiri ni Padiri André Kibanguka (Paruwasi Sainte Famille), Padiri Augustin Karekezi (SJ), na Padiri Théoneste Nkeramihigo (SJ). Abahimbaje Yubile y'imyaka 25 y'Ubupadiri ni Padiri Remy Mvuyekure (Paruwasi Sainte Famille), Padiri Eric Nzabamwita (Paruwasi Sainte Famille), Padiri Innocent Dushimimana (Paruwasi ya Ruli), Padiri Jean Pierre Mihigo (SAC), na Padiri Théophile Twizerimana (Cité de l'Emmanuel).

Diyosezi ya Cyangugu yatangiye urugendo rwa Yubile y'imyaka 50 na 75 ya Paruwasi Katedrali ya Cyangugu zizizihizwa mu 2031

Theophile NGENDAHIMANA

Ku Cyumweru, tariki ya 28 Kamena 2026, Diyosezi Gatolika ya Cyangugu yatangiye ku mugaragaro urugendo rw'imyaka itanu rwo kwitegura kwizihiza Yubile y'imyaka 50 ya Diyosezi ya Cyangugu n'iy'imyaka 75 ya Paruwasi Katedrali ya Cyangugu, zizizihizwa mu mwaka wa 2031.

IrNi umuhango wabereye muri Paruwasi Katedrali ya Cyangugu mu muni mukuru wayo, uhurirana n'uwa Diyosezi yose, zombi ziragijwe Umutima Mutagatifu utagira inenge wa Bikira Mariya. Witabiriwe n'imbaga y'abakristu, abapadiri, abihayimana n'abayobozi batandukanye ba Diyosezi, bateraniye hamwe gushimira Imana ku rugendo rw'imyaka imaze iyobora Paruwasi na Diyosezi, banatangiza ku mugaragaro imyaka itanu yo kwitegura izo Yubile.

Paruwasi Katedrali ya Cyangugu yashinzwe mu 1956, ivuka kuri Paruwasi ya Mibilizi, mu gihe Diyosezi ya Cyangugu yashinzwe ku wa 5 Ugushyngi 1981, ibyawe na Diyosezi ya Nyundo.

Mu butumwa bwatanze mu izina ry'abakristu ba Diyosezi, Uwamariya Consolée, uhagarariye abakristu muri

Diyosezi Gatolika ya Cyangugu, yavuze ko kwizihiza umunsi mukuru wa Paruwasi na Diyosezi byabaye intangiriro y'urugendo rugamije gutegura neza Yubile zombi zizizihizwa mu 2031.

Yagize ati “Twifuza ko imyitozo twakoze twitegura guhimbaza umunsi mukuru wa Paruwasi Katedrali wahuriranye n'uwa Diyosezi yacu ya Cyangugu, zombi ziragijwe Umutima Mutagatifu utagira inenge wa Bikira Mariya, yatubera intangiriro y'indi myinshi, twategurirwa cyangwa tugafashwa gutegura, cyane cyane muri uru rugendo dutangiye rutuganisha mu guhimbaza mu mwaka wa 2031 Yubile y'imyaka 75 Paruwasi Katedrali ya Cyangugu imaze ishinze n'imyaka 50 ya Diyosezi yacu.”

Yakomeje agaragaza icyizere ko uru rugendo rwose ruzafasha abakristu kurushaho kuvugurura ukwemera kwabo. Ati “Turizera tudashidikanya ko uru rugendo dutangiye hamwe na Bikira Mariya Umubyeyi wacu ruzadufasha kuvugurura ubukristu bwacu.”

Yavuze ko imyaka itanu iri imbere ikwiye kubera igihe cyo kwitegura mu buryo bwa Roho, kugira ngo Yubile itazaba umunsi w'ibirori gusa, ahubwo ibe umwanya wo gushimira Imana no kongera gukomera mu kwemera.

Musenyeri Edouard Sinayo-



bye: “Ntishakira ko Yubile izaba umunsi w'ibirori gusa”

Mu butumwa bwe bwo gutangiza uru rugendo rwa Yubile, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Cyangugu, Myr Edouard Sinayobye, yavuze ko imyaka itanu iri imbere ari igihe gikomeye mu buzima bwa Diyosezi n'ubwa Paruwasi Katedrali.

Yagize ati “Bavandimwe, dutangiye urugendo rw'imyaka itanu rwa Yubile zizizihizwa mu 2031, aho Diyosezi yacu izaba yujuje imyaka 50, naho Paruwasi Katedrali ya Cyangugu ikazaba imaze imyaka 75.”

Musenyeri Sinayobye yasabye abakristu kutazategereza umunsi wa Yubile ahubwo bagatangira kuwitegura kuva ubu.

Yagize ati “Turagomba rero kwitegura. Ni igihe gikomeye mu buzima bw'uyu muryango w'abana b'Imana. Niyo mpamvu tudashakira kuzatungurwa n'uwo muni ngo ube umunsi w'ibirori gusa bivugwamo ingoma n'ibindi biranga umunsi mukuru. Ntabwo twaba twizihije Yubile kuko ari Yubile y'ubukristu tuzaba twizihiza.”

Yasobanuye ko gucana itara ry'urumuri byabaye ikimenyetso cyo gutangira urugendo rwo gukura mu kwemera no kurushaho gukurikira Kristu. Ati “Niyo mpamvu y'uru rugendo dutangiye uyu muni, tukarutangiza gucana itara ry'urumuri ritwibutsa ko twiyemeje kurushaho guhata inzira ibirenge no kwitegura buhoro buhoro kugenda dusa n'urwo ru-

muri.”

Yashimangiye kandi ko iyo myiteguro izashingira mbere na mbere ku isengesho no gushaka kumenya icyo Imana ishaka kuri Diyosezi. Ati *“Turatangira uru rugendo turarusabira twese kugira ngo ibyo zuzakora byose amaso yacu n'imbaraga zacu tubyerekeze ku kumva icyo Imana ishaka muri iyi Diyosezi.”*

Mu gusozza ubutumwa bwe, Myr Sinayobye, yasabye abakristu bese, kuva ku bana kugeza ku bakuru, kwifatanya muri iryo sengesho kugira ngo imyaka itanu iri imbere izavemo imbuto nyinshi z'ukwemera.

Diyosezi Gatolika ya Cyangugu ni imwe mu madiyosezi icyenda ya Kiliziya Gatolika mu Rwanda. Yashinzwe ku wa 5 Ugushyirye 1981 na Mutagatifu Papa Yohani Pawulo II, ayikura kuri Diyosezi ya Nyundo

Ibarizwa mu Ntara y'Iburengerazuba bw'u Rwanda, ikaba ikubiyemo

uturere twa Rusizi na Nyamasheke ku buso bungana na kilometero kare 1,125.

Mu myaka isaga 44 ishize, Diyosezi Gatolika ya Cyangugu yayobowe n'Abepiskopi batatu bagize uruhare rukomeye mu kuyubaka no kuyiteza imbere. Umwepiskopi wa mbere ni Musenyeri Thaddée Ntuhinyurwa, wayiyoboye kuva yashingwa mu 1981 kugeza mu 1996. Mu gihe cy'ubuyobozi bwe, yashyize imbaraga mu kubaka inzego z'ibanze za Diyosezi, guteza imbere iyogezabutumwa no kwagura ibikorwa bya Kiliziya. Mu 1996 yagizwe Arikiyepiskopi wa Kigali.

Myr Ntuhinyurwa, yasimbuwe na Myr Jean Damascène Bimenyimana, wagizwe Umwepiskopi wa Cyangugu ku wa 2 Mutarama 1997, ayobora Diyosezi imyaka irenga makumyabiri. Muri icyo myaka, yagaragaje uruhare rukomeye mu gushinga amaparuwasi mashya, guteza imbere amashuri, ibigo nderabuzima n'ibindi bikorwa by'iterambere, kugeza

yitabye Imana ku wa 11 Werurwe 2018 akiri mu nshingano.

Nyuma y'urupfu rwa Myr Bimenyimana, Diyosezi yayobowe by'agateganyo na Musenyeri Célestin Hakizimana, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Gikongoro, kugeza igihe Papa Francis yagennye Myr Edouard Sinayobye ku wa 6 Gashyantare 2021 ngo abe Umwepiskopi wa gatatu wa Diyosezi ya Cyangugu. Yahawe inkoni ya gishumba ku wa 25 Werurwe 2021, akaba ari we uyiyoboye kugeza ubu, akomeje gushimangira iyogezabutumwa, ivugururwa ry'ubukristu, ubumwe bw'abakristu n'iterambere ry'umuryango.

Diyosezi Gatolika ya Cyangugu ifite amaparuwasi 22. Ikorera ubutumwa bwayo mu turere twa Rusizi na Nyamasheke mu ntara y'Iburengerazuba, ikaba yita ku bakristu Gatolika basaga ibihumbi magana tatu batuye mu baturage basaga 804.811 b'utu turere twombi. Iyi

mibare igaragaza uruhare runini iyi Diyosezi ikomeje kugira mu iyogezabutumwa no mu kwita ku buzima bwa roho n'iterambere ry'abakristu bo mu Burengerazuba bw'u Rwanda.

Gutangiza uru rugendo rw'imyaka itanu ntabwo ari ugutegura ibirori gusa, ahubwo ni uguhamagarira buri mukristu kwisubiraho no kuvugurura ubuzima bwe bwa gikristu. Ni yo mpamvu ubutumwa bwatangiye muri uwo muhango bwose bwagarutse ku isengesho, ukwemera, ubumwe no kwitegura kwakira neza Yubile.

Mu mwaka wa 2031, Paruwasi Katedrali ya Cyangugu izaba yizihiza imyaka 75 imaze ishinze, naho Diyosezi ya Cyangugu ikizihiza imyaka 50 imaze ishinze. Iyo Yubile izaba ari umwanya wo gushimira Imana ku mateka y'iyogezabutumwa muri aka gace k'u Rwanda no kongera kwiyemeza gukomeza ubutumwa bwa Kiliziya mu bihe biri imbere

Pruwasi Rushaki yatangiye Yubile y'imyaka 75 mu gihe Diyosezi ya Byumba yitegura imyaka 50

Theophile NGENDAHIMANA

Paruwasi Regina Mundi Rushaki, imwe muri paruwasi 25 zigize Diyosezi Gatolika ya Byumba, yatangiye ku mugaragaro urugendo rwo kwizihiza Yubile y'imyaka 75 imaze ishinze, Yubile izasozwa mu 2027.

Iyi paruwasi yashinzwe ku wa 1 Mutarama 1952, bivuze ko ku wa 1 Mutarama 2027 izaba yujuje imyaka 75. Ariko ibirori byo gutangiza urugendo rw'iyi Yubile byabaye ku wa 15 Kanama 2026, ku munsu Kiliziya Gatolika ihimbazaho Ijyanwa mu Ijuru rya Bikira Mariya. Ibirori byatangijwe n'Igitambo cya Misa cyayobowe na Nyiricyubahiro Myr. Papias Musengamana, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Byumba, ari na we watanze ubutumwa bwo gutangiza uru rugendo rw'imyaka 75.

Amateka ya Paruwasi Regina Mundi Rushaki asubira mu myaka ya mbere y'iyogezabutumwa Gatolika muri aka gace.

Misiyoni ya Kiziguro ni yo yabanje kuba Paruwasi nkuru y'icyari Diyosezi ya Byumba. Yashinzwe mu 1928, kandi ni ho abakristu ba mbere bakomoka i Rushaki, barimo Clément Kinuma, baherewe Batisimu.

Nyuma y'imyaka icyenda, mu 1937, hashinzwe Misiyoni ya Buhembe. Padiri Dejemeppe Arthur, wari Padiri Mukuru wa Misiyoni ya Buhembe, afatanyije na Padiri Paul Lavallart, batekereje gutangiza Misiyoni ya Rushaki.

Batangiye ibikorwa by'iyogezabutumwa bubaka ishuri ribanza rya Rushaki, ndetse n'inyubako yabaga ahanu abakristu basengera. Ku wa 1 Mutarama 1952, Misiyoni ya Rushaki yashinzwe ku mugaragaro, iyoborwa na Padiri Clerk, afatanyije na Padiri Belloni.

Kuva icyo gihe, Rushaki yakomeje gukura mu iyogezabutumwa, mu burezi, mu bikorwa by'ubuzima no mu mibereho y'abakristu, kugeza ubwo yabaye imwe muri paruwasi zigize Diyosezi ya Byumba.

Mu butumwa yatanze atangiza urugendo rwa Yubile, Myr. Papias Musengamana yifurije abakristu ba Rushaki kuzagira urugendo rwiza rw'imyaka 75, abasaba kururebera mu murongo mugari w'amateka ya Diyosezi ya Byumba.

Yagaragaje ko Yubile ya Rushaki itangiye mu gihe Diyosezi ya Byumba na yo yitegura kwizihiza imyaka 50 imaze ishinze mu 2031, ikaba izabanza kugira urugendo rw'imyaka itanu rwo kwitegura icyo Yubile.

Ati *“Iyi Yubile ya Paruwasi ya Rushaki tuyitangiye mu gihe Diyosezi yacu Gatolika ya Byumba twitegura urugendo rw'imyaka itanu rw'ishingwa rya Diyosezi yacu ya Byumba izahimbaza yubile y'imyaka 50 mu 2031. Urugendo ruzatangira mu minsi iri imbere, mbere y'Umunsi Mukuru wa Kristu Umwami, muri Diyosezi yose. Ni urugendo namwe muzagendanamo n'andi maparuwasi yose.”*

Uyu Mwepiskopi yagaragaje ko abakristu ba Rushaki bakwiye kubona iyi Yubile nk'igice cy'urugendo rusange rwa Diyosezi, bagatanga umusanu wabo mu mateka mashya ya Kiliziya muri Byumba. Insanganyamatsiko izaranga urugendo rwa Yubile ya Rushaki ni *“Nyagasani nduturamo tubikesha ukwemera.”*

Padiri David Bienveillance Nshimiyimana, Padiri Mukuru wa Paruwasi Regina Mundi Rushaki, mu kiganiro kihariye yagiranye na Kinyamateka, yavuze ko iyi Yubile izaba umwanya wo gushimira Imana ku byo yakozwe muri iyi paruwasi mu myaka 75 ishize, ariko kandi ikaba n'umwanya wo kureba aho abakristu bashakira kugana.

Yagize ati *“Tuzagira igihe cyo gushimira Imana ibyiza yadukoreye muri iyi Paruwasi ya Rushaki. Birahari kandi ni byinshi. Nk'abakiriye ukwemera, dufite abakristu benshi babatijwe, bagahabwa n'andi masakramentu. Iyo ni imbuto ikomeye y'ukwemera tuzashimira Imana.”*

Padiri David yagaragaje ko mu myaka ishize Paruwasi ya Rushaki yagize uruhare rukomeye mu burezi, mu buvuzi no mu bikorwa bitandukanye bigamije

guteza imbere imibereho y'abakristu n'abaturage muri rusange.

Ati *“Hari iyogezabutumwa mu burezi. Nk'ubu muri iyi paruwasi turishimira ko dufite ibigo bya Kiliziya bigera kuri birindwi. Mu buvuzi na ho dufite ikigo nderabuzima aho twakira abarwaye, twakira abababaye kugira ngo tubafashe kugira ubuzima bwiza.”*

Yongeyeho ko hari n'ibindi bikorwa by'iterambere biri gukorwa, birimo inzu mberabyombi iri kubakwa, izaba imwe mu bikorwa bizagaragazwa mu gihe cyo kwizihiza Yubile.

Hakizimana Innocent, umukristu wa Paruwasi Regina Mundi Rushaki, yavuze ko abakristu bishimira intambwe paruwasi yabo imaze gutera mu iyogezabutumwa no mu bikorwa remezo.

Yagize ati *“Twishimira ko dufite abakristu bashishikarira iyogezabutumwa, tukaba dufite na za Santarali eshatu. Ikigaragara ni uko hari ibikorwa bihari, kandi twishimira intangiriro ya Paruwasi yacu yabaye nziza. Abamisiyoneri ba Afurika baraje bashinga Paruwasi ya Rushaki, noneho dukomezaho turi kumwe na bo.”*

Yakomeje avuga ko nyuma yaje gusimburwa n'abapadiri ba Diyosezi, na bo abakristu bakomeza gukorana na bo mu guteza imbere paruwasi.

Ati *“Twishimira ko tugeze kure mu bijyanye n'iyogezabutumwa n'iterambere rya Paruwasi, ku buryo n'iyi Yubile tuzagaragaza byinshi twakozwe. Ariko na none dufite indi ntumbero yo kuzagera ahandi kure.”*

Kuva yashinzwe mu 1952 kugeza mu 2026, Paruwasi Regina Mundi Rushaki imaze kuyoborwa n'abapadiri 16. Ubu iyoborwa na Padiri David Bienveillance Nshimiyimana.

Muri iyi myaka 75, Paruwasi kandi yagiye igira uruhare mu gutanga abasaserdoti, aho kugeza ubu yabyariye Diyosezi ya Byumba abapadiri 17. Muri



bo harimo Myr. Servilien Nzakamwita, Umwepiskopi wa Byumba uri mu kiruhuko cy'izabukuru, waherewe ubusaserdoti muri Paruwasi ya Rushaki ku wa 11 Nyakanga 1971.

Ibi ni bimwe mu bimenyetso abakristu ba Rushaki bavugaga ko bigaragaza umusaruro w'imyaka 75 y'iyogezabutumwa, aho paruwasi itabaye gusa ahantu ho gusengera, ahubwo yabaye isoko y'imyuga n'ubutumwa butandukanye muri Kiliziya.

Paruwasi Regina Mundi Rushaki iherereye mu gice gihuza Intara y'Amajyaruguru n'iy'Iburasirazuba, mu Turere twa Gicumbi na Nyagatare. Mu majyaruguru ihana imbibi na Paruwasi ya Buhara na Maziba zo muri Uganda; mu majyepfo hari Santarali za Mukono na Shangasha zo muri Paruwasi ya Byumba; mu burasirazuba hari Paruwasi Nyarurema na Gihengeri, mu gihe mu burengerazuba ihana imbibi na Paruwasi ya Mulindi.

Muri rusange, Paruwasi Regina Mundi Rushaki ifite Santarali zirindwi, Inama 41 z'Imiryangoremezo n'imiryango 145. Kuri ubu, abakristu ba Rushaki batangiye urugendo rw'imyaka 75 rufite intego yo kureba aho bavuye, gushimira Imana ku mbuto z'ukwemera zasizwe n'abababanjirije, ariko no gutegura ejo hazaza ha Paruwasi.

Mu gihe Yubile izasozwa mu 2027, abakristu bavugaga ko batazareba gusa ibikorwa byagezweho, ahubwo bazanakoze kuzirikana umurage w'ukwemera wasizwe n'abamisiyoneri n'abapadiri bababanjirije, ndetse no ku nshingano bafite yo kuwusigasira no kuwugeza ku bazabakomokaho.

Hirya no hino mu maparuwasi habaye ubukangurambaga bw'Ukwezi kw'Urukundo n'Impuhwe 2026

Theophile NGENDAHIMANA

Ukwezi kw'Urukundo n'Impuhwe kwa Kanama 2026 kwasojwe mu bikorwa bitandukanye by'ubukangurambaga no gufasha abatishoboye, byabereye mu maparuwasi no mu bigo by'amashuri Gatolika hirya no hino mu gihugu.

Muri Kanama ya buri mwaka, Kiliziya Gatolika mu Rwanda, ibinyujije muri Caritas Rwanda, igira Ukwezi kw'Urukundo n'Impuhwe, umwanya wihariye wo gukangurira abakristu n'abandi bese kugira umutima wo gufasha abatishoboye, kwita ku bababaye no gushyira urukundo n'impuhwe mu bikorwa bifatika.

Mu Ukwezi kw'Urukundo n'Impuhwe kwa 2026, ubukangurambaga bwakozwe mu buryo butandukanye, burimo gutanga ubutumwa mu Kiliziya, kubunyuzamo mu bitangazamakuru no ku mbuga nkoranyambaga, kubukorera mu bigo by'amashuri no mu matsinda anyuranye, ndetse no gusura ingo ku zindi.

Ibi bikorwa byari bigamije kugeza ku bantu benshi ubutumwa bw'uku kwezi no kubashishikariza kugira uruhare mu bikorwa byo gufasha abatishoboye,

buri wese akoresheje ubushobozi afite.

Muri Diyosezi ya Kabgayi, Caritas yateguye icyumweru cyahariwe Ukwezi kw'Urukundo n'Impuhwe, cyatangiye ku itariki ya 3 Kanama 2026. Muri icyo cyumweru habaye ibikorwa bitandukanye, birimo gufasha no kubakira abatishoboye, ndetse no gukora ubukangurambaga bugamije kongera ubwitabire bw'abantu muri iki gikorwa.

Muri Diyosezi ya Nyundo, Zone Pastorale ya Kibuye na yo yakoze ibikorwa by'ubukangurambaga byari bigamije kongera umusaruro w'Ukwezi kw'Urukundo n'Impuhwe.

Ku itariki ya 11 Kanama 2026, Caritas ya Diyosezi ya Nyundo, Zone ya Kibuye, yakoranye inama na ba Perezida ba Caritas za Paruwasi, barebera hamwe ingamba zatumye ubukangurambaga bw'uku kwezi burushaho kugera ku bantu benshi no gutanga umusaruro.

Mbere y'iyi nama, Caritas Kibuye yari imaze gusura amaparuwasi yose agize Zone Pastorale ya Kibuye, igirana ibiganiro n'abakangurambaga bo mu miryangoremezo, mu mashuri no ku rwego rwa Paruwasi. Muri ibyo biganiro, hibanzwe ku buryo bwo kongera imbaraga mu bukangurambaga no gushishikariza

abantu kugira uruhare mu gufasha abatishoboye.

No muri Zone Pastorale ya Gisenyi, muri Diyosezi ya Nyundo, habaye ibikorwa bigamije kongera umusaruro w'Ukwezi kw'Urukundo n'Impuhwe.

Ku itariki ya 20 Kanama 2026, abahagarariye Komite za Caritas n'ibigo by'amashuri Gatolika byo muri Paruwasi 19 zigize iyi Zone bakoze inama nyunguranabitekerezwe, baganira ku buryo ubukangurambaga bw'Ukwezi kw'Urukundo n'Impuhwe bwakongerwamo imbaraga, haba muri Paruwasi no mu mashuri.

Abitabiriye izi nama biyemeje gukomeza kongera umusaruro w'iki gikorwa no gushyigikira abatishoboye. Abayobozi b'ibigo by'amashuri Gatolika bagaragaje ko ubukangurambaga bwabafashije kurushaho gukangurira abana n'urubyiruko kugira umuco wo gufashanya no kwita ku bababaye.

Muri Diyosezi ya Kibungo na ho, mu rwego rwo kugeza ubutumwa bw'Ukwezi kw'Urukundo n'Impuhwe ku bantu



benshi, ubutumwa bubakangurira kwitabira iki gikorwa bwashyizwe ahantu hatandukanye.

Ibyakozwe mu maparuwasi na za Diyosezi bigaragaza ko Ukwezi kw'Urukundo n'Impuhwe kwa 2026 kwaranzwe n'ubukangurambaga bwibanze ku guhindura ubutumwa bw'urukundo n'impuhwe ibikorwa bifatika byo gufasha abatishoboye.

N'ubwo Ukwezi kw'Urukundo n'Impuhwe kwa Kanama 2026 kwasojwe, ibikorwa byo gufasha no kwita ku batishoboye bikomeje kuba inshingano ya buri wese, kuko urukundo n'impuhwe bidakwiye kugarukira ku kwezi kumwe gusa.

Imishinga y'amatsinda 30 y'urubyiruko mu turere twa Rwamagana, Kayonza na Ngoma yongerewe ubushobozi



Theophile NGENDAHIMANA

A matsinda 30 y'urubyiruko mu turere twa Ngoma, Kayonza na Rwamagana yatsinze irushanwa rya Compete to Grow, ahabwa ibihembo bigamije kuyafasha kwagura imishinga yayo, guhanga imirimo no kwiteza imbere.

Amatsinda 30 mu matsinda 216 y'urubyiruko yitabiriye irushanwa rya Compete to Grow ni yo yaje ku isonga mu turere twa Ngoma, Kayonza na Rwamagana, ahabwa ibihembo by'amafaranga azafasha mu guteza imbere imishinga yayo.

Iri rushanwa ryabaye mu mpera rya z'ukwezi kwa Nyakanga 2026, ryari rigamije kongerera ubushobozi urubyiruko rufite imishinga, kurushishikariza guhanga imirimo no kwihangira imirimo, ndetse no guteza imbere imishinga yarwo kugira ngo ibashe gutanga umusaruro ur-

ambye.

Iri rushanwa ryatewe inkunga na CRS Rwanda, rinyujijwe mu mushinga Gera Ku Ntego, ushyirwa mu bikorwa na Caritas Kibungo ku bufatanye na Caritas Rwanda.

Muri rusange, irushanwa ryitabiriye n'amatsinda 216 y'urubyiruko, aho 64 yaturutse mu Karere ka Ngoma, 79 akava mu Karere ka Kayonza, naho 73 akaba ayo mu Karere ka Rwamagana.

Mu matsinda 30 yaje ku isonga, ayagaragaje umusaruro ushimishije kurusha ayandi ni icyizere ryo mu Karere ka Ngoma, rikora ubuhinzi bw'urusenda no kurutunganya; Umurava ryo mu Karere ka Kayonza, ryorora inkoko ndetse rigakora ifu y'amagi n'iy'inyama; na Terimbere ryo mu Karere ka Rwamagana, rihanga imiteja rikayohereza hanzu y'u Rwanda.

Buri rimwe muri aya matsinda atatu ya mbere ryahembwe amafaranga y'u Rwanda angana na miliyoni 2.5,

agamije kuyafasha kongera ubushobozi bw'imishinga yayo no kuyagura.

Andi matsinda yatsinze muri buri Karere na yo yahembwe amafaranga ari hagati ya 500.000 Frw na miliyoni 2.5 Frw, bitewe n'umwanya yegukanye.

Mu turere dutatu, amafaranga yose yatanze nk'ibihembo angana na 42.600.000 Frw, akaba agamije gufasha urubyiruko gukomeza guteza imbere imishinga yarwo no guhanga imirimo.

Mu kiganiro yagiranye n'urubyiruko rwitabiriye irushanwa mu Karere ka Ngoma, Umuyobozi wa CRS Rwanda, Chandra Kumud, yabashishikariye gukoresha neza amahirwe n'ubufasha bahawe, ariko abasaba kutabona ibihembo nk'aho urugendo rurangiriye.

Yagize ati "Mubikoreshe neza kugira ngo mukomeze guteza imbere imishinga yanyu. Ariko ntimugomba kugarukira aha: ahubwo iyi ni intangiriro y'urugendo rwanyu. Mukomere ku ntego mwiyeje."

Ubu butumwa bwibanze ku gukangurira urubyiruko gukoresha neza igishoro ruba rwabonye, gukomeza kunoza imishinga no gushaka uburyo bwo kuyibazamo umusaruro urambye.

Mu birori byo gusoma irushanwa byabereye muri buri Karere, abahagarariye amabanki atandukanye na bo bagejeje ku rubyiruko serivisi z'imari zitangwa n'ibigo byabo.

Basobanuriye urubyiruko amahirwe ahari yo kubona igishoro, kubona serivisi z'imari no kwagura imishinga yarwo, hagamijwe kurufasha gukomeza gutera imbere no guhangana n'imbogam-

izi zishobora gutuma imishinga mito idakura.

Ibi byafashije urubyiruko kumenya ko, uretse inkunga n'ibihembo rwatse mu irushanwa, hari n'izindi nzira rushobora kunyuramo kugira ngo rubone igishoro no gukomeza kwagura ibikorwa byarwo.

Abayobozi b'uturere twa Ngoma, Kayonza na Rwamagana bitabiriye ibi birori na bo bashishikariye urubyiruko gukoresha neza amahirwe n'ubufasha rubona binyuze muri gahunda zitandukanye.

Basabye urubyiruko gukomeza kunoza imishinga yarwo, gukoresha neza igishoro rufite, kwirinda gucika intege no kureba kure kugira ngo imishinga yarwo ibashe gukura, ihange imirimo kandi igire uruhare mu guteza imbere imibereho y'imiryango n'abaturage muri rusange.

Irushanwa rya Compete to Grow ryabaye umwanya wo guha urubyiruko amahirwe yo kugaragaza imishinga yarwo, guhatanira ibihembo no kunguka ubumenyi bushobora kurufasha kuyicunga no kuyiteza imbere.

Kuba amatsinda 30 yarabashije gutsinda muri 216 yitabiriye irushanwa bigaragaza ubwitabire bw'urubyiruko muri gahunda zigamije kurushyigikira mu kwihangira imirimo no guteza imbere imishinga yarwo.

Inkunga n'ibihembo byatanze biteganyijwe gufasha aya matsinda gukomeza kongera umusaruro, kwagura ibikorwa no guhanga indi mirimo, mu gihe urubyiruko rwasabwe gukomeza gushaka amahirwe mashya no gukoresha neza ubushobozi rufite.

Yakomeje ati “Ku Cyumweru rero nyuma ya saa sita, yagize crisis, duhamagara umuganga usanzwe umwita-ho. Ahageze amufata ibipimo bishoboka kandi byihutirwa, atungurwa no gusanga afite hypotension [amaraso make mu mubiri]. Nyuma yo gusanga bimeze bityo, twihutiye kumujyana mu Bitaro Bikuru bya Gisenyi. Abaganga bakoze ibishoboka byose kugira ngo barebe ko barokora ubuzima bwe, ariko birangira byanze.”

Musenyeri Jean Marie Vianney Nsengumuremyi, wari Igisonga cy’Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo, yavutse tariki ya 8 Nyakanga 1950, avukira muri Paruwasi ya Shangi, muri Santarali ya Giheke, kuri ubu na yo yamaze kuba Paruwasi.

Amashuri abanza yayize i Giheke, mu gihe ayisumbuye yayigiyemo Iseminari Nto Saint Pie X ya Nyundo. Nyuma yaho yakomereye mu Iseminari Nkuru yitiriwe Mutagatifu Yozefu ku Nyundo, aho yize Filozofiya.

Yakomeje amasomo ye i Bujumbura mu gihe cy’imyaka ibiri, aza no kwiga mu Nyakibanda mu gihe cy’imyaka itatu.

Yahawe ubupadiri tariki ya 25 Nyakanga 1977, abuherezwa ku Nyundo na Musenyeri Wenseslas Karibushi wari Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo icyo gihe.

Nyuma yo guhabwa ubupadiri, Musenyeri Jean Marie Vianney Nsengumuremyi yakozwe ubutumwa butandukanye muri Diyosezi ya Nyundo.

Kuva mu 1977 kugeza mu 1981, yabaye Padiri wungirije muri Paruwasi ya Busasamana, ashinzwe by’umwihariko urubiruko.

Kuva mu 1981 kugeza mu 1984, yari ashinzwe umutungo wa Diyosezi ya Nyundo. Mu myaka ya 1984-1987, yabaye Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Kivumu.

Kuva mu 1987 kugeza mu 1991, yasubiye muri Paruwasi ya Busasamana, aho yabaye Padiri wungirije. Mu 1991-1994, yabaye Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Busasamana, ari na Padiri ushinze Caritas muri Diyosezi ya Nyundo.

Mu 1994-1997, yabaye Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Gisenyi na Nyundo, bitewe n’uko hari ikibazo cy’ibura ry’abapadiri muri izo paruwasi.

Nyuma yaho, haje Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere, maze amaze kuba Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo, atorera Musenyeri Jean Marie Vianney Nsengumuremyi kuba Padiri ushinze Uburezi Gatolika muri Diyosezi ya Nyundo ndetse n’ushinzwe guhura ibikorwa bya Papa muri iyi Diyosezi, ubutumwa yamazemo imyaka 22.

Mu mwaka wa 2001, yagizwe Igisonga cy’Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo. Yakomeje kuri ubu butumwa kugeza ubwo Musenyeri Anacleto Mwumvaneza yagizwe Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo mu 2016, na we akomeza kumugirira icyizere.

Ku wa 11 Gicurasi 2011 ni bwo yahawe izina ry’icyubahiro rya Musenyeri na Papa, bitewe n’ibikorwa bitandukanye by’indashyikirwa yari yarakoze. Umurage asize mu burezi no mu mibereho ya Diyosezi

Musenyeri Jean Marie Vianney Nsengumuremyi asize icyuho gikomeye, by’umwihariko mu rwego rw’uburezi, aho yamaze imyaka 22 arukorera. Abamuzi bamubonaga nk’impuguke bakunze kugisha inama, akaba kandi umuntu wahoraga hafi y’abamukeneye.

Yafashije benshi gukomeza amashuri bitewe n’urukundo yakundaga uburezi. Hari n’abari bagiye gutangira umwaka w’amashuri utaha, akaba yari yarangije kubishyurira ibyasabwaga byose.

Yakundaga kandi kugira inama abapadiri n’abatari bo. Abamumenye bavugaga ko bizagorana kubona undi muntu umeze nka we.

Padiri Musonera Théogène yagize ati “Nkanjye ku giti cyanjye, kimwe n’abandi bapadiri benshi ba Diyosezi ya Nyundo, ntabwo tuzigera twibagirwa Musenyeri bitewe n’uburyo yavugishaga ukuri kandi ntawe ahutajye. Ikindi, yari umuntu uzi guca bugufi ku buryo abakomeye bazaga ukabona barimo kumwisanzuraho; abaciye bugufi na bo watangaraga rwose ugasanga arimo aganira n’uwajye gusaba amafaranga y’ishuri y’umwana we, kandi ugasanga bahuje urugwiro bari guseka. Wabonaga bitangaje, atari ibintu bishobora abantu bese.”

Yakomeje avugaga ko ibi byaberekaga urukundo rutavanguye yagiraga, akaba umubyeyi wa Diyosezi, nk’umuntu wari umaze imyaka 49 ari umupadiri.

Ati “Nkanjye uri mu myaka 4, ndi mu mwaka wa 5 y’ubupadiri, yari nka Sogokuru mfatiraho urugero. Yari umusaza w’umunyamahoro wakundaga kwivugira amagambo meza ukumva yakomeza kukubwira. Ikindi, yari umusaza wibuka ibikorwa byose byabaye kandi akabikubwira ukagira ngo byabaye ejo hashize.”

Padiri Musonera yavuze kandi ko urupfu rwa Musenyeri Jean Marie Vianney Nsengumuremyi ruje mu gihe Paruwasi Katedrali ya Nyundo iri mu myiteguro yo guhimbaza Yubile y’imyaka 125.

Yavuze ko Musenyeri Jean Marie Vianney yari umwe mu bantu bari gufasha Diyosezi gusobanukirwa neza amateka yayo n’uko yatangiye, kubera ko yari umwe mu bantu bari bafite ubumenyi bwimbitse ku mateka ya Diyosezi ya Nyundo.

Urupfu rwe, bityo, rusize icyuho mu muryango wa Kiliziya Gatolika by’umwihariko muri Diyosezi ya Nyundo, aho yamaze imyaka myinshi akora ubutumwa butandukanye, arangwa n’urukundo, guca bugufi, gukunda uburezi no gufasha abamukeneye.



Umuhungu yakundanaga n’umukobwa. Bukeye umukobwa aza kumusura. Umuhungu amwakiriza ibishyamba nyiramama wanjye ati “Sinjya ndya ibishyamba, nikundira ifriti gusa”. Umuhungu yikoze mu gikoni ahata ibirayi ateka ifriti. Bukeye bongera guhura bajyana gutembera. Umuhungu aza kurabukwa igishyamba mu menyo y’umukobwa, amuha twa duti dukura ibiryo mu menyo, ati “Sheri akira agati ukure iyo firiti mu menyo”.

Diyosezi Gatolika ya Nyundo yungutse abapadiri batandatu bashya mu mwaka wa 2026



Theophile NGENDAHIMANA

Diyosezi Gatolika ya Nyundo ikomeje kwishimira umusaruro w’umuhamagaro nyuma yo kwakira abapadiri batandatu bashya bahawe Ubupadiri ku wa Gatandatu, tariki ya 18 Nyakanga 2026, mu muhango wabereye kuri Paruwasi Katedrali ya Nyundo.

Uyu muhango wabereye mu Gitambo cya Misa cyayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anacleto Mwumvaneza, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo, afatanyije na Musenyeri Jean Marie Vianney Twagirayezu, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Kibungo, uvuka muri Paruwasi ya Crête Congo-Nil muri Diyosezi ya Nyundo.

Abahawe Isakaramentu ry’Ubupadiri ni Padiri Ndahimana Albert wo muri Paruwasi ya Crête Congo-Nil, Padiri Niyonsenga Théoneste wo muri Paruwasi ya Gakeri, Padiri Nsangi-ranabose Théophile wo muri Paruwasi ya Muhororo, Padiri Ntawukurirayo Adrien wo muri Paruwasi ya Murunda, Padiri Tuyambaze Herman wo muri Paruwasi ya Kibungo na Padiri Uwimana André wo muri Paruwasi ya Crête Congo-Nil.

Uretse itangwa ry’ubupadiri, Diyosezi ya Nyundo yanatanze Ubudiyakoni ku Bafaratiri batanu, ari bo Bapfakurera Jean Damascène wa Paruwasi ya Rambo, Hakizarurema Célestin wa Paruwasi ya Muramba, Munyaneza Jean Berchmans wa Paruwasi ya Mubuga, Nzayituriki Alexis wa Paruwasi ya Mbu-

gangari na Shema Thierry wa Paruwasi ya Gisenyi.

Abafaratiri batandatu bahawe Ubutumwa bw’Ubuhereza ni Bigenimana Samuel wa Paruwasi ya Nyundo, Bikorimana Anastase wa Paruwasi ya Biruyi na Iradukunda Epaphrodite wa Paruwasi ya Crête

Congo-Nil, mu gihe Ubutumwa bw’Ubusomyi bwahawe Kwizera Jean Baptiste wa Paruwasi ya Kavumu, Musabyimana Jean Marie Vianney wa Paruwasi ya Murunda na Twagirayezu Olivier wa Paruwasi ya Kora.

Mu ijamba ryavuzwe mu izina ry’abapadiri bashya, Padiri Ndahimana Albert yashimiye Musenyeri Anacleto Mwumvaneza, abapadiri bababereye abarezi n’abafashije mu rugendo rw’iyogez-abutumwa, ndetse n’ababyeyi n’imiryango yabo yababaye hafi kuva batangira urugendo rw’umuhamagaro.

Yagize ati: “Turashimira byimazeyo Nyiricyubahiro Musenyeri Anacleto Mwumvaneza watwakiriye nk’abana be kandi akaduherekeza kuva twinjira mu Iseminari Nkuru kugeza uyu munsu aduhaye ubupadiri. Turashimira kandi abasaseridoti, ababyeyi bacu, abavandimwe n’abakristu bese badushyigikiye. Tubasabye gukomeza kudushyigikira mu isengesho kugira ngo dusohoze neza ubutumwa twahawe.”

Ibi birori byitabiriwe n’abayobozi batandukanye barimo Umuyobozi w’Akarere ka Rubavu, Mulindwa Prosper, Umuyobozi w’Akarere ka Ngororero, Umuyobozi wungirije w’Akarere ka Rutiro ushinze Iterambere ry’Ubukungu, ndetse n’Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa Nyundo.

Musenyeri Anacleto Mwumvaneza, Umwepiskopi wa Nyundo, yashimiye by’umwihariko ababyeyi n’imiryango y’aba bahawe inshingano nshya, avugaga ko umuryango ari wo shingiro ry’imihamagaro yose.

GURA IFATABUGUZI UJYE USOMA KINYAMATEKA
KINYAMATEKA ICAPE (UBUBIKO BW’AMATEKA)

DUKURIKIRE NO KU

MBUGANKORANYAMBAGA



@kinyamateka

CENTENARY House



SERIVIS DUTANGA



INZU Z'UBUCURUZI



IBIRO/OFFICE



www.centenaryhouse.rw



+250 790 033 000